RMB
Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

---

**ITANGAZO RYO KWIRINDA IMPANUKA MU BUCUKUZI**

Hashingiwe ku makuru y'iteganyagihe yatangajwe na METEO Rwanda agaragaza ko mu turere dutandukanye tw' igihugu hagiye kugwa imvura nyinshi mu mezi ari imbere Werurwe, Mata na Gicurasi;

Nyuma yo kubona ko muri iyi minsi umubare w'impanuka ugenda wiyongera ahakorerwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro akenshi izi mpanuka zikaba zifitanye isano n'ubucukuzi butemewe n'amategeko ndetse na bamwe mubahawe impushya batubahiriza neza ibipimo ngenderwaho ibi bikaba bishobora kurushaho kuba bibi kubera imvura;

Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB) kiramenyesha abantu bose cyane cyane abafite impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agacio na Kariyeri, kwita kuri ibi bikurikira mu rwego gukumira impanuka no kurushaho gukaza ingamba z'umutekano:

1. kugira abakozi bize iby'ubucukuzi (Abize iby'ubucukuzi n'ibidukikije/Mining Engineers & Geologists & Environmentalists) bahagije bitewe n'ahacukurwa cyangwa bitewe n'ubuso bw'uruhushya kandi abo bakozi bakabanza kureba buri munsi ko aho bagiye kohereza abakozi hari umutekano uhagije;
2. kwirinda kohereza abakozi ahantu hatakorewe igenzura mbere y' uko akazi gatangira;
3. kugira igitabo (log book) cyandikwamo abakozi bose bitabiriye akazi buri munsi n' imyirondoro yabo;
4. gushyira uburinzi buhagije ahatangiwe uruhushya hose;
5. gushyira mu bikorwa ingamba zo kuerengera ibidukikije cyane cyane hakorwa ibi bikurikira:
   (i) kugira ahabikwa ibisigazwa bya mine ku buryo burambye;
   (ii) kurwanya isuri aho bigaragara ko yaturuka hose;
   (iii) gutegura ibyobo bifata amazi ava muri mine no kubisukura mu buryo buhoraho;
   (iv) kwirinda kohereza amazi yanduye mu migezi:
   (v) kwirinda kuyungururira amabuye ahantu hahanamye hagaragarira buri wese ko hateza ibibazo by'isuri.

6. Abantu bose barasabwa kwirinda ubucukuzi butemewe n'amategeko kuko bimaze kugaragara ko hari abirara mu birombe bakajya gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri nta burenganzira babifitiye, ibyo bigateza impanuka zihitana ubuzima bw'abantu ndetse n'iyangirika ry'ibidukikije.

RMB irongera kwibutsa ko umuntu wese ushakashaka, ucukura, utunganya, ucuruza, amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri nta ruhushya abifitiye ndetse n'ufite uruhushya ntakurikize ibipimo ngenderwaho aba akoze icyaha gihanwa n'amategeko. RMB ikomeje gushimira abayobozi b'inzego z'ibanze ku bufatanye bakomeje kuyigaragariza kandi ikabasaba kubukomeza no gukaza ingamba zo gukumira ubucukuzi butemewe n'amategeko.
Twese hamwe dufatanye mu kwirinda impanuka mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri,kandi naho ibaye hagahita hatangwa amakuru mu buryo bwihuse.

Bikorewe i Kigali, kuwa 28. Gashyantare 2023.

**Amb. YAMINA KARITANYI**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD

---